Lorsqu'une autorité tient un cabinet ou un bureau visé à l'alinéa précédent ou s'il est dans son administration, à l'intérieur ou à l'extérieur du pays, elle désigne un gestionnaire de ses biens au cours de l'exercice de ses fonctions et le déclare sur l'honneur par écrit à l'Office de l'Ombudsman endéans quatre vingt dix (90) jours.

Que ces cabinets ou bureaux leur appartiennent, individuellement ou collectivement, elles ne sont pas autorisées à conclure des contrats avec l'Etat.

Toutefois, en cas de besoin, pour intérêts publics, le Conseil des Ministres peut autoriser ces cabinets ou bureaux à conclure des contrats avec l'Etat. Le Conseil des Ministres retire également les droits spéciaux lorsque les raisons qui les ont motivés n'existent plus.

**UMUTWE WA VI: IMENYEKANISHAMUTUNGO**

**Ingingo ya 19: Imenyekanisha ry'umutungo w'abayobozi**

Umuyobozi wese ategetswe kumenyesha Urwego rw'Umuvunyi umutungo afite mu gihugu cyangwa mu mahanga.

Inyandiko igaragaza umutungo nyakuri ishyikirizwa Urwego rw'Umuvunyi bitarenze tariki ya 30 Kamena ya buri mwaka ku bantu basanzwe mu kazi n'igihe bavuye mu mirimo yabo mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15).

Ku bantu bagitangira imirimo y'ubuyobozi, inyandiko ya mbere igaragaza imitungo yabo ishyikirizwa Urwego rw'Umuvunyi mu gihe cy'ukwezi kumwe batangiye imirimo.

Buri wese ugaragarijwe ko igaragazamutungo rye ritemewe agomba kongera gukora irindi mu gihe cy'ukwezi kumwe .

Iyo igaragazamutungo ritemewe ku nshuro ya kabiri (2) kandi ku mpamvu nyir'ubwite yasobanuriwe mu nyandiko, Urwego rw'Umuvunyi rushyikiriza raporo Urwego rumushyiraho agafatirwa ibihano.

**UMUTWE WA VII: IBIHANO N'UBUNDI BURYOZWE**

**Ingingo ya 20: Ibihano ku muyobozi uhamwa n'amakosa**

Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko agenga abakozi ba Leta, Urwego rushinzwe gufatira ibihano umuyobozi uhamwa n'amakosa avugwa mu ngingo ya 9

**CHAPTER VI: DECLARATION OF PROPERTY**

**Article 19: Declaration of assets**

Every leader shall declare to the Office of Ombudsman his/ her assets whether found in the country or abroad.

A declaration form indicating actual assets shall be submitted to the Office of the Ombudsman not later than the 30th June of each year for those still in office and in a period not exceeding fifteen (15) days from the date they left office for those who are no longer in office.

Newly appointed leaders shall declare their assets to the Office of the Ombudsman in a period of one month from the date of taking office.

Any person whose declaration form of assets has not been accepted shall be required to submit another one within a period of one month.

If a declaration form of assets is not accepted for the second time and for reasons personally notified to him/her, the Office of the Ombudsman shall file a report to the appointing authority for appropriate action to be taken against such a leader.

**CHAPTER VII: SANCTIONS AND OTHER LIABILITIES**

**Article 20: Sanctions for a guilty leader**

Without prejudice to other laws governing Government employees, an institution with mandate to penalize a leader referred to in Article 9 of this Organic Law shall

**CHAPITRE VI : DECLARATION DU PATRIMOINE**

**Article 19 : Déclaration sur l'honneur des biens des autorités**

Toute autorité est tenue de déclarer sur l'honneur à l'Office de l'Ombudsman leurs biens se trouvant à l'intérieur et à l'extérieur du pays.

Le formulaire de déclaration sur l'honneur des biens propres est transmis à l'Office de l'Ombudsman au plus tard le 30 juin de chaque année pour les personnes en activités et endéans quinze (15) jours au moment où elles quittent leurs fonctions.

Pour les personnes entrant dans les fonctions de direction, le premier formulaire de déclaration sur l'honneur de leurs biens est transmis à l'Office de l'Ombudsman endéans un mois à compter de la date d'entrée en fonctions.

Toute personne à qui il est notifié que sa déclaration n'a pas été acceptée doit en produire une autre endéans un mois.

Lorsque la déclaration sur l'honneur des biens n'est pas acceptée pour la seconde fois et ce pour des motifs donnés par écrit au concerné, l'Office de l'Ombudsman en fait rapport à l'autorité de nomination en vue de prendre une sanction contre lui.

**CHAPITRE VII : SANCTIONS ET AUTRES RESPONSABILITES**

**Article 20 : Sanctions pour une autorité reconnue coupable**

Sans préjudice aux dispositions des autres lois régissant les agents de la fonction publique, l'organe chargé de prendre des sanctions contre une autorité

y'iri tegeko ngenga, rumufatira kimwe mu bihano bivugwa mu gika gikurikira, hakurikijwe uburemere bw'ikosa n'urwego rw'umurimo arimo. Iyo nta rwego ruteganyijwe cyangwa iyo uruteganyijwe rwanze guhana bitewe no kubogama cyangwa gusuzugura, icyo gihe igihano kigenwa n'Urwego rw'Umuvunyi rumaze gusobanukirwa impamvu igihano kitatanzwe n'inzego zibishinzwe.

Ibyo bihano ni ibi bikurikira:

1° kwihanangirizwa mu nyandiko;
2° kugawa mu nyandiko;
3° kwirukanwa ku murimo;
4° kwirukanwa ku murimo, impamvu igatangazwa mu binyamakuru iyo bifitiye rubanda akamaro.

**<u>Ingingo ya 21</u>: Uburenganzira bwo kwisobanura**

Hakurikijwe amategeko asanzwe amugenga, umuyobozi wakoze amakosa abanza guhabwa urubuga rwo kwisobanura mbere yo guhanwa.

**<u>Ingingo ya 22</u>: Ihanwa ry'icyaha cyo kunyereza cyangwa kwangiza umutungo wa Leta**

Bitabangamiye andi mategeko, ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) kugeza ku mwaka umwe n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ari hagati y'ibihumbi magana abiri (Frw 200.000) kugeza kuri miliyoni imwe ( Frw 1.000.000) cyangwa kimwe muri ibyo bihano, umuyobozi unyereje, wangije nkana cyangwa ureka uwo ayobora akangiza umutungo wa Leta cyangwa uw'ikigo Leta ifitemo imigabane.

penalize him/her with any of the following penalties below depending on the gravity of the offence and his/her seniority. Where no institution is provided for or when it refuses to impose an appropriate sanction due to unfairness or disobedience, the sanction shall be imposed by the Office of the Ombudsman after being given reasons why the competent institution failed to do so.

The sanctions are as follows:

1° written warning;
2° written reprimand;
3° dismissal; and
4° dismissal followed by publication of the reasons in the newspapers if public interests have to be served.

**<u>Article 21</u>: Right to defence**

In accordance with laws usually governing him/ her, any leader who commits an offence shall be given the right to be heard.

**<u>Article 22</u>: Penalty for embezzlement or destruction of public property**

Without prejudice to other laws, a leader who embezzles, deliberately destroys or lets his/her subordinate to destroy Government property or that of an institution where Government has shares shall be liable to a term of imprisonment ranging from two (2) months to one (1) year and a fine ranging from two hundred thousand (Rwf 200.000) to one million (Rwf 1,000,000) Rwanda Francs or any of the two penalties.

reconnue coupable des fautes visées à l'article 9 de la présente loi organique, prend l'une des sanctions reprises à l'alinéa suivant, conformément à la gravité de la faute et au poste qu'elle occupe. Lorsque aucun organe n'est prévu ou lorsque l'organe prévu a refusé de prendre des sanctions pour des raisons de partialité ou de désobéissance, dans ce cas, la sanction est imposée par l'Office de l'Ombudsman après avoir entendu les motifs pour lesquels la sanction n'a pas été prise par les instances concernées.

Ces sanctions sont les suivantes :

1° avertissement par écrit ;
2° blâme par écrit ;
3° révocation de ses fonctions ;
4° révocation avec publication dans les journaux en cas d'intérêt public.

**<u>Article 21</u> : Droit de défense**

Conformément à la législation en vigueur qui la régit, il est donné à l'autorité en infraction l'occasion d'user du droit de défense avant d'être sanctionnée.

**<u>Article 22</u> : Sanction d'une infraction de détournement ou d'abus du patrimoine de l'Etat**

Sans préjudice aux autres lois, sera condamnée à une peine d'emprisonnement allant de deux (2) mois à une année et à une amende de deux cent mille (200 000 Frw) à un million de francs rwandais (1 000 000 Frw) ou l'une de ces peines, toute autorité qui aura détourné, abusé délibérément ou laissé l'employé sous ses ordres abuser du patrimoine de l'Etat ou de l'entreprise dont l'Etat est actionnaire.

**Ingingo ya 23: Ihanwa ry'icyaha cy'umuyobozi washyize inyungu z'amahanga imbere y'iz'u Rwanda**

Bitabangamiye andi mategeko ahana, ahanishwa igihano cy'igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (Frw 1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (Frw 5.000.000), umuyobozi ushyira inyungu z'igihugu cy'amahanga imbere y'iz'u Rwanda nk'uko bisobanurwa mu ngingo ya gatatu y'iri tegeko ngenga.

**Ingingo ya 24: Ihanwa ry'icyaha cy'umuyobozi wasebeje Igihugu cyangwa Leta**

Ahanishwa igihano cy'igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (Frw 1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (Frw 5.000.000), umuyobozi ukora igikorwa kigamije gusebya Igihugu cyangwa Leta.

**Ingingo ya 25: Ibyaha by'imyitwarire n'ibihano byabyo**

Bitabangamiye ibihano byo mu rwego rw'umurimo, ahanishwa ibihano biteganywa n'amategeko mpanabyaha umuyobozi wahamwe n'ibyaha bikurikira:

1° gusinda,
2° gusambana,
3° kurwana,
4° kuburabuza umukozi amushakaho imibonano mpuzabitsina;
5° gutukana cyangwa indi myifatire mibi iteganywa n'iri tegeko ngenga

**Ingingo ya 26: Ihanwa ry'icyaha cyo kumena ibanga ry'akazi**

Bitabangamiye ibihano byo mu rwego rw'umurimo, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe ( 1) kugeza ku

**Article 23: Penalty for putting foreign interests before those of Rwanda**

Without prejudice to other penal laws, a leader who puts foreign interests before those of Rwanda as provided in Article 3 of this Organic Law shall be liable to a term of imprisonment ranging from two (2) years to five (5) years and a fine ranging from one million (Rwf 1.000.000) to five million (Rwf 5.000.000) Rwanda Francs.

**Article 24: Penalty for dishonouring a State or Government**

Any leader who does an act meant to dishonour the country and Government shall be liable to a term of imprisonment ranging from two (2) years to ten (10) years and a fine ranging from one million (Rwf 1.000.000 ) to five million (Rwf 5.000.000) Rwanda Francs.

**Article 25: Offences related to ethics and penalties**

Without prejudice to disciplinary sanctions, a leader who commits any of the following offences shall be penalized in accordance with the penal laws:

1° drunkenness;
2° adultery;
3° fighting;
4° sexual harassment against employees;
5° insults or other bad conduct as provided for by this Organic Law.

**Article 26: Penalty for revealing work secrets**

Without prejudice to disciplinary sanctions, a leader who is convicted of revealing work secrets shall be

**Article 23 : Peine de l'infraction de privilégier les intérêts des pays étrangers au détriment de ceux du Rwanda**

Sans préjudice aux autres lois pénales, sera condamnée à une peine d'emprisonnement de deux ans (2) à cinq (5) ans et d'une amende d'un million (1 000 000 Frw) à cinq millions de francs rwandais (5 000 000 Frw), toute autorité qui aura donné priorité aux intérêts d'un pays étranger au détriment de ceux du Rwanda tel que stipulé à l'article 3 de la présente loi organique.

**Article 24 : Peine contre une autorité ayant terni l'image de l'Etat ou du Gouvernement**

Sera condamnée à une peine d'emprisonnement de deux (2) à dix (10) ans et d'une amende d'un million (1 000 000 Frw) à cinq millions de Francs rwandais (5 000 000 Frw), toute autorité qui aura terni l'image de l'Etat et du Gouvernement.

**Article 25 : Fautes de conduite et sanctions**

Sans préjudice aux sanctions d'ordre disciplinaire, sera puni des peines prévues par le code pénal toute autorité reconnue coupable des infractions suivantes :

1° ivresse ;
2° adultère ;
3° bagarres ;
4° harcèlement sexuel envers ses subalternes;
5° insultes et autres comportements indignes prévus par la présente loi organique.

**Article 26 : Peines pour divulgation de secret professionnel**

Sans préjudice aux sanctions d'ordre disciplinaire, sera condamnée à une peine d'emprisonnement d'un

myaka itatu (3) n'ihazabu iva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000) y'amafaranga y'u Rwanda cyangwa kimwe muri ibyo bihano, umuyobozi uhamwe n'icyaha cyo kumena ibanga ry'umurimo ashinzwe cyangwa yari ashinzwe.

**<u>Ingingo ya 27</u>: Ibihano bihabwa umuyobozi ubangikanya imirimo ibujijwe**

Umuyobozi uvugwa muri iri tegeko ngenga utubahiriza ibikubiye mu mutwe wa V w'iri tegeko ngenga ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (Frw 200.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (Frw 5.000.000) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

**<u>Ingingo ya 28:</u> Ibihano bihabwa uwahoze ari umuyobozi wiyitiriye umurimo yahagaritsweho**

Bitabangamiye andi mategeko ahana, umuyobozi wiyitirira umurimo mu gihe yahagaritswe, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (Frw 500.000) kugeza kuri miliyoni imwe (Frw 1.000.000) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

**<u>Ingingo ya 29</u>: Ibihano byerekeye imenyekanishamutungo**

Umuyobozi wese ukoze imenyekanishamutungo ku nshuro ya kabiri ntiryemerwe cyangwa uwanze kurikora ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) kugeza ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (Frw 200.000) kugeza kuri miliyoni imwe (Frw 1.000.000) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

liable to a term of imprisonment ranging from one year (1) to three (3) years and a fine ranging from one million (Rwf 1.000.000) to three million (Rwf 3.000.000) Rwandan francs or any of the two penalties.

**<u>Article 27</u>: Penalty for doing acts incompatible with the job**

Any leader who does not comply with the provisions of Chapter V of this Organic Law shall be liable to a term of imprisonment ranging from six (6) months to three (3) years and a fine ranging from two hundred thousand (Rwf 200.000) to five million (Rwf 5.000.000) Rwandan francs or any of the two penalties.

**<u>Article 28</u>: Penalty for holding out to occupy a position for which he/she was suspended from**

Without prejudice to other penal laws, a leader who holds out to occupy a position in which he/she was suspended from shall be liable to a term of imprisonment ranging from six (6) months to two (2) years and a fine ranging from five hundred thousand (Rwf 500.000) to one million (Rwf 1.000.000) Rwanda francs.

**<u>Article 29</u>: Penalty for not declaring assets**

A leader whose declaration form of assets has been rejected for the second time or one who refuses to declare his/her assets shall be liable to a term of imprisonment ranging from two (2) months to six (6) months and a fine ranging from two hundred thousand (Rwf 200.000) to one million (Rwf 1.000.000) Rwanda francs or any of the two penalties.

(1) à trois (3) ans et d'une amende d'un million (1.000.000 Frw) à trois millions de Francs rwandais (3.000.000 Frw) ou à l'une de ces peines, toute autorité qui est reconnue coupable de divulgation de secret professionnel.

**<u>Article 27</u>: Peines contre l'autorité se livrant aux emplois incompatibles**

L'autorité visée dans la présente loi organique qui ne respecte pas les dispositions du chapitre V de la présente loi organique est condamnée à une peine d'emprisonnement de six (6) mois à trois (3) ans et d'une amende de deux cent mille (200 000 Frw) à cinq millions de francs rwandais (5 000 000 Frw) ou de l'une de ces peines.

**<u>Article 28</u>: Peine contre une autorité coupable d'usurpation des fonctions auxquelles elle a été suspendue**

Sans préjudice aux autres lois pénales, toute autorité qui se rend coupable d'usurpation des fonctions auxquelles elle a été suspendue, est condamnée à une peine d'emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cinq cent mille (500 000 Frw) à un million de francs rwandais (1.000.000 Frw) ou de l'une de ces peines.

**<u>Article 29</u>: Peines relatives à la déclaration des biens sur honneur**

Toute autorité dont la seconde déclaration sur honneur des biens est rejetée ou qui refuse de faire sa déclaration sera condamnée à une peine d'emprisonnement de deux (2) à six (6) mois et d'une amende de deux cent mille (200.000 Frw) à un million francs rwandais (1.000.000 Frw) ou de l'une de ces peines.

**<u>Ingingo ya 30</u>: Ibihano by'abahishiriye imyifatire mibi y'abayobozi**

Iyo imyifatire iciye ukubiri n'ibikubiye muri iri tegeko ngenga igaragaye ku muyobozi, abamukuriye bayimenye ntibayikumire cyangwa ngo bayitangaze, bafatwa nk'abafatanyacyaha.

Abandi bayobozi bamenye imyifatire iciye ukubiri n'iri tegeko ngenga yagaragaye ku wundi muyobozi ariko badakuriye, bategetswe kubimenyesha mu nyandiko inzego zibishinzwe. Iyo batabikoze mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu ( 15) bahanishwa igihano cy'igifungo kuva ku mezi abiri (2) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (Frw 100.000) kugeza kuri miliyoni imwe (Frw 1.000.000) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

**<u>Ingingo ya 31</u>: Ubujurire**

Umuyobozi ufatiwe ibihano bivugwa mu ngingo ya 20 y'iri tegeko ngenga ashobora kubijuririra ku rwego rukuriye urwamufatiye ibihano mu nyandiko igaragaza ibimenyetso bimushinjura cyangwa ibindi bisobanuro ku makosa yatumye ibyemezo bimufatirwa.

Iyo nyandiko agomba kuba yayigejeje ku rwego rw'ubujurire mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) ibarwa uhereye igihe abimenyesherejwe.

Inyandiko y'ubujurire ubwayo ntihagarika ishyirwa mu bikorwa ry'icyemezo, kereka iyo nyirayo yabisabye urwego rwajuririwe rukabyemeza rumaze kubona ku buryo bugaragara ko urwego rwafashe icyemezo rwibeshye cyangwa rwabeshywe mu gusuzuma no mu gufata icyo cyemezo.

**<u>Article 30</u>: Penalty for not denouncing bad conduct of leaders**

When a leader behaves in a way that is inconsistent with the provisions of this Organic Law and his/her superiors are aware and decide to condone it, they shall be treated as accomplices.

Other leaders who are aware that another leader not under their supervision behaves in a way inconsistent with the provisions of this Organic Law are required to report the same in writing to competent authorities. If a leader fails to report such an incident within fifteen days, he/she shall be liable to a term of imprisonment ranging from two (2) months to two (2) years and a fine ranging from ten thousand (Rwf 10.000) to one million (Rwf 1.000.000) Rwandan francs or any of the two penalties.

**<u>Article 31</u>: Appeal**

Any leader sentenced to any of the penalties in Article 20 of this Organic Law may appeal to an immediate higher organ in writing expressing the defense or other explanations on the offence for which the decision was taken.

Such a document shall reach the appellate organ of appeal within fifteen (15) days from the date of notification.

The process of appeal shall not stop implementation of a decision unless the appellant requested so and after the appellate organ finds it convincing that the lower organ took such a decision in error or that it was mislead while examining and taking the decision.

**<u>Article 30</u>: Peine contre les personnes n'ayant pas dénoncé les mauvais comportements des autorités**

Les supérieurs hiérarchiques qui, connaissant des comportements contraires aux dispositions de la présente loi organique dans le chef d'une autorité sans les prévenir ni les dénoncer sont considérés comme complices.

Toutes les autres autorités prenant connaissance des comportements contraires à la présente loi organique dans le chef d'une autre autorité ne se trouvant pas sous leurs ordres, sont tenues d'en informer par écrit les instances concernées. Lorsqu'aucune notification n'est faite endéans quinze (15) jours, elles sont punis d'une peine d'emprisonnement de deux (2) mois à deux (2) ans et d'une amende de dix mille (10.000 Frw) à un million de francs rwandais (1.000.000 Frw) ou de l'une de ces peines.

**<u>Article 31</u>: Recours**

Toute autorité contre laquelle sont prononcées les peines prévues à l'article 20 de la présente loi organique peut exercer le recours par écrit auprès de l'organe supérieur à celui qui l'a sanctionnée en fournissant ses moyens de défense ou d'autres explications sur les fautes ayant entraîné les mesures prises à son encontre.

Le dossier doit parvenir à l'organe de recours endéans quinze (15) jours à compter de la notification de la sanction.

Le dossier de recours en soi n'a pas d'effet suspensif de la décision, sauf si l'auteur en a fait la demande et que l'organe de recours se prononce favorablement après avoir constaté que l'organe qui avait pris la décision s'était trompé ou avait été induit en erreur dans l'examen et la prise de cette décision.

**<u>Ingingo ya 32</u>: Ifatira ry'umutungo wabonetse mu buryo bubujijwe**

Mu gihe umuyobozi yabonye umutungo mu buryo bubujijwe n'iri tegeko ngenga cyangwa n'itegeko n° 23/2003 ryo ku wa 7/08/2003 ryerekeye gukumira, kurwanya no guhana ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo, uwo mutungo ufatirwa hakurikijwe amategeko asanzwe yerekeranye n'ifatira mu gihe hakozwe icyaha.

Umutungo umuyobozi yabonye mu buryo bubujijwe n'iri tegeko ngenga, uba umutungo wa Leta, uw'ikigo Leta ifitemo imigabane cyangwa uw'umuntu wawambuwe hakurikijwe icyemezo cy'urukiko.

**<u>Ingingo ya 33</u>: Ihanwa ry'icyaha ku muyobozi usebanya, utesha agaciro cyangwa utesha igihe**

Mu kubahiriza ishyirwa mu bikorwa ry'iri tegeko ngenga, Urwego rw'Umuvunyi rukora iperereza cyangwa rugasaba ko hakorwa iperereza ku makuru ajyanye n'ibiteganywa na ryo kandi ikirego cyakirwa bitabaye ngombwa ko ugitanze abanza kugaragaza ko agifitemo inyungu yihariye.

Umuyobozi uhaye amakuru urwego rw'ubuyobozi bireba cyangwa urusabye gukurikirana ibyerekeranye n'ibivugwa muri iri tegeko ngenga bikaza kugaragara ko yarubeshye nkana agamije gusebanya, gutesha agaciro cyangwa gutesha igihe, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (Frw 200.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (Frw 5.000.000) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

**<u>Article 32</u>: Seizure of illigally acquired property**

Whenever a leader acquires property in a way that is inconsistent with this Organic Law or Law n° 23/2003 of 7/08/2003, aimed at prevention, suppression and punishment of corruption and other related offences, that property shall be seized in accordance with existing laws on seizure of goods when an offence has been committed

Any property a leader acquires in a way inconsistent with this Organic Law shall become the property of the State, Institution in which the State has shares, or of the person who was aggrieved of that property following a court order.

**<u>Article 33</u>: Penalty for defamation, degrading or time consuming**

In implementation of this Organic Law, the Office of the Ombudsman shall investigate or request for investigations to be carried out on any information as provided under this Organic Law and a complant shall be accepted notwithstanding the fact that the complainant has a special interests in the matter.

A leader who provides information to an institution or one who asks an institution to follow up a matter as provided for in this Organic Law and thereafter it is proved that he/she delibarately lied with the intention of defaming , degrading or time consuming shall be liable to a term of imprisnment ranging from six (6) months to three (3) years and a fine ranging from two hundred (Rwf 200.000) thousand Rwandan francs to five million (Rwf 5.000.000) Rwandan francs or one of the penalties.

**<u>Article 32</u>: Saisie des biens obtenus de façon illicite**

Lorsqu'une autorité a acquis des biens dans les circonstances interdites par la présente loi organique ou par la loi n° 23/2003 du 07/08/2003 relative à la prévention et à la répression de la corruption et des infractions connexes, il sera procédé à la saisie de ces biens conformément aux lois en vigueur relatives à la saisie de biens en cas d'infraction.

Les biens acquis par une autorité dans les circonstances interdites par la présente loi organique, deviennent conformément à la décision de la juridiction la propriété de l'Etat, de l'entreprise dont l'Etat est actionnaire ou de la personne qui en a été dépossédé.

**<u>Article 33</u>: Peine contre l'autorité fournissant des informations dénigrantes, déshonorantes ou usant de manœuvres dilatoires**

En application de la présente loi organique, l'Office de l'Ombudsman mène une enquête ou exige la conduite d'une enquête sur les informations relatives aux dispositions prévues par la loi organique et la requête est reçue sans devoir demander au requérant de démontrer, au préalable, qu'il en a un intérêt particulier.

Toute autorité fournissant des informations à l'organe concerné ou lui demandant d'enquêter sur les informations relatives aux dispositions contenues dans la présente loi organique et que, par la suite, il apparaît qu'elle a menti délibérément dans l'intention de dénigrer, déshonorer ou d'user de manœuvres dilatoires, est condamnée à une peine d'emprisonnement de six (6) mois à trois (3) ans et d'une amende de deux cents mille (200.000 Frw) à cinq million (5.000.000 Frw) de francs rwandais ou de l'une de ces peines.

**Ingingo ya 34: Kurinda umutekano w'abatanze amakuru n'abatanze ubuhamya**

Mu gukurikirana no guca imanza z'ibyaha, umucamanza cyangwa undi wese ubifitiye ububasha wagejejweho ikibazo kijyanye n'ibyaha bivugwa muri iri tegeko ngenga, agomba gufata ibyemezo bya ngombwa kugira ngo arinde mu buryo buhamye umutekano w'aba bakurikira:

1° abantu batanze amakuru yerekeranye n'ibyaha biteganywa n'iri tegeko ngenga cyangwa bafashije mu bundi buryo abashinzwe gukora iperereza cyangwa gukurikirana ibyaha;
2° abatangabuhamya kuri ibyo byaha.

**UMUTWE WA VIII: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA.**

**Ingingo ya 35: Inzego zisanganywe amategeko y'imyitwarire yihariye n'Urwego rw'Umuvunyi**

Bitabangamiye ibiteganywa n'iri tegeko ngenga, abayobozi bari mu nzego zifite amategeko y'imyitwarire yihariye bakomeza kuyakurikiza.

Imyitwarire y'abayobozi bo mu Rwego rw'Umuvunyi barebwa n'iri tegeko ngenga, ikurikiranwa na Biro y'Umutwe wa Sena mu Nteko Ishinga Amategeko.

**Ingingo ya 36: Urwego rushinzwe gukurikirana iyubahirizwa ry'iri tegeko ngenga**

Urwego rw'Umuvunyi ni rwo rushinzwe gukurikirana iyubahirizwa ry'ibikubiye muri iri tegeko ngenga uretse aho rigena urundi rwego ruzabikurikirana.

Urwego rw'Umuvunyi rukurikirana kandi ihuzwa n'iyubahirizwa ry'ibikubiye muri iri tegeko ngenga n'andi mategeko y'imyitwarire yihariye.

**Article 34: Protection for informers and witnesses**

When following and deciding a case under this Organic Law, a judge or any other competent person, who such a matter is brought before shall take appropriate decisions aimed at ensuring absolute security for the following persons:

1° informers who provided information related to offences provided for under this Organic Law or who assisted in any other form those responsible for carrying out investigations; and
2° witnesses of such offences.

**CHAPTER VIII: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 35: Institutions with specific codes of conduct and the Office of Ombudsman.**

Without prejudice to the provisions of this Organic Law, leaders in institutions governed by a specific code of conduct shall continue to be governed by the latter.

Leaders in the Office of the Ombudsman who are subject to this Organic Law, their conduct shall be overseen by the Bureau of the Senate in the Parliament.

**Article 36: Organ responsible for the implementaion of this Organic Law.**

The Office of the Ombudsman shall be responsible for the implementation of this Organic Law unless otherwise provided.

The Office of the Ombudsman shall ensure the harmonisation of the implemention of this Organic Law and other codes of conduct.

**Article 34: Protection des informateurs et des témoins**

Dans les poursuites et jugements en matière criminelle, le juge ou toute personne compétente saisie d'une requête relative aux infractions prévues par la présente loi organique, doit prendre les mesures nécessaires pour assurer de façon efficace la protection des personnes suivantes :

1° les informateurs sur les infractions prévues par la présente loi organique ou les personnes ayant autrement assisté ceux qui sont chargés de l'enquête ou de la poursuite des infractions ;
2° les témoins de ces infractions.

**CHAPITRE VIII: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 35: Instances dotées du code de conduite particulier et l'Office de l'Ombudsman**

Sans préjudice aux dispositions de la présente loi organique, les autorités des instances ayant un code de conduite particulier restent régies par ce code de conduite.

Les autorités de l'Office de l'Ombudsman concernées par l'application de la présente loi organique sont soumises au contrôle du Bureau du Sénat au Parlement.

**Article 36: Organe de suivi du respect de la présente loi organique**

L'Office de l'Ombudsman est l'organe chargé du suivi du respect des dispositions de la présente loi organique, sauf disposition contraire par elle.

L'Office de l'Ombudsman assure la coordination dans l'application des dispositions de la présente loi organique et des autres codes de conduite particuliers.

Raporo ya buri mwaka y'Urwego rw'Umuvunyi igomba kugaragaza ibyakozwe mu kubahiriza iri tegeko ngenga.

**<u>Ingingo ya 37</u>: Igihe cy'inzibacyuho mu nama y'Ubuyobozi**

Uhereye igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa, abayobozi bavugwa mu ngingo ya 17 y'iri tegeko, bagomba kuba bavuye mu Nama z'Ubuyobozi bw'ibigo no mu nama z'Ubutegetsi bw'ibigo Leta ifitemo imigabane cyangwa ibyigenga mu gihe kitarenze amezi atandatu (6).

**<u>Ingingo ya 38</u>: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko ngenga**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri tegeko ngenga kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**<u>Ingingo ya 39</u>: Igihe itegeko ngenga ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 10/09/2008

Perezida wa Repubulika
**KAGAME Paul**
(sé)

Minisitiri w'Intebe
**MAKUZA Bernard**
(sé)

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta
**KARUGARAMA Tharcisse**
(sé)

Each annual report of the Office of the Ombudsman shall indicate what was realised regarding implementaion of this Organic Law.

**<u>Article 37</u>: Transitional period for members of the Board of Directors**

From the date of commencement of this Organic Law, leaders referrred to in Article 17 of this Organic Law shall cease to be members of the Board of Directors of institutions in which Government has shares or private institution within a period not exceeding six (6) months.

**<u>Article 38</u>: Repealing of inconsistent provisions**

All prior provisions contrary to this Organic Law are hereby repealed.

**<u>Article 39</u>: Commencement**

This Organic Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 10/09/2008

The President of the Republic
**KAGAME Paul**
(sé)

The Prime Minister
**MAKUZA Bernard**
(sé)

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

The Minister of Justice/ Attorney General
**KARUGARAMA Tharcisse**
(sé)

Le rapport annuel d'activités de l'Office de l'Ombudsman doit faire état des réalisations en matière de respect de la présente loi organique.

**<u>Article 37</u> : Période de transition au Conseil d'Administration**

Dans un délai ne dépassant pas six (6) mois à compter de la date d'entrée en vigueur de la présente loi organique, les autorités visées à l'article 17 de la présente loi sont tenues de cesser d'être membres des Conseils d'Administration d'établissements publics ou d'entreprises dont l'Etat est actionnaire ou d'entreprises privées.

**<u>Article 38</u>: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires à la présente loi organique sont abrogées.

**<u>Article 39</u>: Entrée en vigueur**

La présente loi organique entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 10/09/2008

Le Président de la République
**KAGAME Paul**
(sé)

Le Premier Ministre
**MAKUZA Bernard**
(sé)

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

Le Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux
**KARUGARAMA Tharcisse**
(sé)

**ITEGEKO NGENGA N° 65/2008 RYO KUWA 11/09/2008 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO NGENGA N° 37/2006 RYO KUWA 12/09/2006 RYEREKEYE IMARI N'UMUTUNGO BYA LETA**

**ISHAKIRO**

**Ingingo ya mbere: Ibisobanuro by`amagambo**

**Ingingo ya 2:Ushinzwe gucunga ingengo y'imari y'Ikigo kigenerwa ingengo y'imari**

**Ingingo ya 3: Ingengo y'imari y'agateganyo**

**Ingingo ya 4: Ububasha bwo kuguza**

**Ingingo ya 5: Amatariki ntarengwa yerekeye iyinjira n'isohoka ry'amafaranga ku ngengo y'imari y'umwaka**

**Ingingo ya 6: Guhuriza hamwe za raporo**

**Ingingo ya 7: Ingengo y'imari y`inzibacyuho**

**Ingingo ya 8: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko ngenga**

**Ingingo ya 9: Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa**

**ORGANIC LAW N° 65/2008 OF 11/09/2008 MODIFYING AND COMPLEMENTING THE ORGANIC LAW N° 37/2006 OF 12/09/2006 ON STATE FINANCE AND PROPERTY**

**TABLE OF CONTENTS**

**Article One: Definitions of terms**

**Article 2: Chief Budget Manager of a Budget Agency**

**Article 3: Temporary budget**

**Article 4: Authority of borrowing**

**Article 5: Deadlines for revenue collection and expenditures on annual state budget**

**Article 6: Consolidation of reports**

**Article 7: Transitional budget**

**Article 8: Abrogating provisions**

**Article 9: Commencement**

**LOI ORGANIQUE N° 65/2008 DU 11/09/2008 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI ORGANIQUE N° 37/2006 DU 12/09/2006 RELATIVE AUX FINANCES ET AU PATRIMOINE DE L'ETAT**

**TABLE DES MATIERES**

**Article Premier: Définitions des termes**

**Article 2 : Gestionnaire Principal du budget de l'agence budgétaire**

**Article 3 : Budget provisoire**

**Article 4 : Pouvoir d'emprunter**

**Article 5 : Dates limites d'encaissement des recettes et d'engagement des dépenses sur le budget annuel**

**Article 6 : Consolidation des rapports**

**Article 7 : Budget transitionnel**

**Article 8 : Disposition abrogatoire**

**Article 9: Entrée en vigueur**

**ITEGEKO NGENGA N° 65/2008 RYO KUWA 11/09/2008 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO NGENGA N° 37/2006 RYO KUWA 12/09/2006 RYEREKEYE IMARI N'UMUTUNGO BYA LETA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
**Perezida wa Repubulika;**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 21 Nyakanga 2008;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 08 Kanama 2008

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 4 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 79, iya 80, iya 81, iya 88, iya 89, iya 90, iya 91, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 117, iya 118 , iya 167, iya 183, iya 184, iya 189 n'iya 201;

Isubiye ku Itegeko Ngenga n° 37/2006 ryo kuwa 12/09/2006 ryerekeye imari n'umutungo bya Leta, cyane cyane mu ngingo ya 2, iya 20, iya 50, iya 54, iya 69 n'iya 71;

**ORGANIC LAW N° 65/2008 OF 11/09/2008 MODIFYING AND COMPLEMENTING THE ORGANIC LAW N° 37/2006 OF 12/09/2006 ON STATE FINANCE AND PROPERTY**

**We, KAGAME Paul,**
**President of the Republic;**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING ORGANIC LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA.**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 21 July 2008;

The Senate, in its session of 08 August 2008;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 79, 80, 81, 88, 89, 90, 91, 92, 93, 95, 108, 117, 118, 167, 183, 184, 189 and 201;

Reviewed Organic Law n° 37/2006 of 12/09/2006 on State finance and property; especially in Articles 2, 20, 50, 54, 69 and 71;

**LOI ORGANIQUE N° 65/2008 DU 11/09/2008 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI ORGANIQUE N° 37/2006 DU 12/09/2006 RELATIVE AUX FINANCES ET AU PATRIMOINE DE L'ETAT**

**Nous, KAGAME Paul,**
**Président de la République ;**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI ORGANIQUE DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA.**

**LE PARLEMENT**:

La Chambre des Députés, en sa séance du 21 juillet 2008 ;

Le Sénat, en sa séance du 08 août 2008 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 79, 80, 81, 88, 89, 90, 91, 92, 93, 95, 108, 117, 118, 167, 183, 184, 189 et 201;

Revu la Loi Organique n˚ 37/2006 du 12/09/2006 relative aux finances et au patrimoine de l'Etat, spécialement en ses articles 2, 20, 50, 54, 69 and 71;

**YEMEJE:**

**<u>Ingingo ya mbere:</u> Ibisobanuro by`amagambo**

Agace ka 1° n'aka 21° tw'ingingo ya 2 y'Itegeko Ngenga n° 37/2006 ryo ku wa 12/09/2006 ryerekeye imari n'umutungo bya leta duhinduwe kandi twujujwe ku buryo bukurikira:

« 1° Igena ry'ingengo y'imari: ingingo y'Itegeko ry'ingengo y'imari itorwa n'Umutwe w'Abadepite yemera umubare ntarengwa w'amafaranga ikigo kigenerwa ingengo y'imari gishobora gukoresha no kwishyura bitewe n'imirimo cyakorewe mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12), kuva ku itariki ya mbere Nyakanga kugeza ku ya *30* Kamena, buri mwaka.

21° Umwaka w'ingengo y'imari: igihe gihwanye n'amezi cumi n'abiri (12) gitangira ku wa mbere Nyakanga kikarangira ku wa 30 Kamena, buri mwaka. »

**<u>Ingingo ya 2</u>: Ushinzwe gucunga ingengo y'imari y'Ikigo kigenerwa ingengo y'imari**

Ingingo ya 20 y'Itegeko Ngenga n° 37/2006 ryo ku wa 12/09/2006 ryerekeye imari n'umutungo bya Leta ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

« Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga ingengo y'imari y'Ikigo kigenerwa ingengo y'imari ni:

Umuyobozi Mukuru Ushinzwe Imari n'Ubutegetsi mu biro bya Perezida wa Repubulika;

Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe wa Sena mu Nteko Ishinga Amategeko;

Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe w'Abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko;

**ADOPTS:**

**<u>Article One</u>: Definitions of terms**

The subparagraph 1° and 21° of Article 2 of the Organic Law n° 37/2006 of 12/09/2006 on State finance and property are modified and complemented as follows:

"1° Appropriation: provision in law approved by the Chamber of Deputies approving the maximum amount that a budget agency receives to make commitments and settle payments due to services provided in a twelve (12) month period, running from July 1, to June 30, each year.

2° Fiscal Year: period of twelve (12) months from 01 July to 30 June, each year."

**<u>Article 2</u>: Chief Budget Manager of a Budget Agency**

Article 20 of the Organic Law n° 37/2006 of 12/09/2006 on State finance and property is modified and complemented as follows:

"The Chief Budget Manager for a Budget Agency shall be:

the Director General of Finance and Administration in the Office of the President of the Republic;

the Secretary General of the Senate in the Parliament;

the Secretary General of the Chamber of Deputies in the Parliament;

**ADOPTE :**

**<u>Article Premier</u>: Définitions des termes**

Les points 1° et 21° de l'article 2 de la Loi Organique n° 37/2006 du 12/09/2006 relative aux finances et au patrimoine de l'Etat sont modifiés et complétés comme suit :

« 1° Dotation : article de loi votée par la Chambre des Députés fixant la somme maximale qu'une agence budgétaire peut engager dans ses dépenses en effectuant des décaissements pour des objectifs spécifiques au cours d'une période budgétaire de douze (12) mois allant du 1er Juillet au 30 juin, chaque année.

2° Exercice budgétaire : période de douze (12) mois allant du 1er Juillet au 30 juin, chaque année. »

**<u>Article 2</u> : Gestionnaire Principal du budget de l'agence budgétaire**

L'article 20 de la Loi Organique n° 37/2006 du 12/09/2006 relative aux finances et au patrimoine de l'Etat est modifié et complété comme suit :

« Le Gestionnaire Principal du Budget de l'agence budgétaire est :

le Directeur Général chargé des Finances et de l'Administration à la Présidence de la République ;

le Secrétaire Général du Sénat au Parlement ;

le Secrétaire Général de la Chambre des Députés au Parlement ;

| | | |
|---|---|---|
| Umuyobozi w'Ibiro bya Minisitiri w'Intebe muri Serivisi za Minisitiri w'Intebe; | the Director of Cabinet in the Prime Minister's Office; | le Directeur de Cabinet aux Services du Premier Ministre ; |
| Umunyamabanga uhoraho w'Urukiko rw'Ikirenga; | the Permanent Secretary in the Supreme Court; | le Secrétaire Permanent de la Cour Suprême ; |
| Umunyamabanga uhoraho w'Ubushinjacyaha Bukuru; | the Permanent Secretary of the National Prosecution Service; | le Secrétaire Permanent au Parquet Général; |
| Umunyamabanga uhoraho muri buri Minisiteri; | the Permanent Secretary in each Ministry; | le Secrétaire Permanent dans chaque Ministère ; |
| Umujyanama wa mbere muri Ambasade cyangwa undi mukozi w'Ambasade wemewe na Minisitiri; | the First Counselor in the Embassy or any other officer in the Embassy approved by the Minister; | le Premier Conseiller pour les Missions diplomatiques ou tout autre agent de l'Ambassade agréé par le Ministre; |
| Umunyamabanga uhoraho muri Serivisi z'Urwego rw'Umuvunyi; | the Permanent Secretary in the Office of the Ombudsman; | 9° le Secrétaire Permanent au Service de l'Ombudsman ; |
| Uwungirije umuyobozi wa Kaminuza y'u Rwanda n'abungirije Abayobozi Bakuru b'Ibigo by'Amashuri Makuru bya Leta, bashinzwe ibirebana n'imari; | the Vice Rector in charge of finance in the National University of Rwanda and Vice Rectors of Public Higher Institutions of learning in charge of finance; | 10° le Vice-Recteur chargé des finances à l'Université Nationale du Rwanda et les Vice-Recteurs chargés des finances dans les Institutions d'Enseignement Supérieur publiques ; |
| Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara; | the Executive Secretary of a Province; | 11° le Secrétaire Exécutif de la Province ; |
| Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umujyi wa Kigali; | the Executive Secretary of Kigali City; | 12° le Secrétaire Exécutif de la Ville de Kigali ; |
| Umunyamabanga Nshingwabikorwa muri Komisiyo y'Igihugu; | the Executive Secretary of a National Commission; | 13° le Secrétaire Exécutif d'une Commission Nationale ; |
| Umuyobozi w'Ikigo cya Leta gikoresha ingengo y'imari ya Leta; | the Director of a Public entity which uses State Budget; | 14° le Directeur d'un établissement public fonctionnant sur le budget de l'Etat; |
| Umunyamabanga Nshingwabikorwa mu nzego z'ubuyobozi bw'ibanze; | the Executive Secretary in Local administrative entities; | 15° le Secrétaire Exécutif dans les Entités Administrative Décentralisée ; |
| Undi washyirwaho n'itegeko. | Any other lawfully authorized officer. | 16° toute autre personne nommée à cet effet conformément à la loi. |
| **Ingingo ya 3: Ingengo y'imari y'agateganyo** | **Article 3: Temporary budget** | **Article 3 : Budget provisoire** |
| Ingingo ya 50 y'Itegeko Ngenga n° 37/2006 ryo ku wa 12/09/2006 ryerekeye imari n'umutungo bya Leta | Article 50 of the Organic Law n° 37/2006 of 12/09/2006 on State finance and property is | L'article 50 de la Loi Organique n° 37/2006 du 12/09/2006 relative aux finances et au |

ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

« Iyo Umutwe w'Abadepite utatoye Ingengo y'Imari y'umwaka mbere y'itariki ya 30 Kamena cyangwa iyo yakererewe gushyirwaho umukono, hakurikizwa ibivugwa mu ngingo ya 80 y'Itegeko Nshinga, Minisitiri w'Intebe akoresheje iteka, yemera ko hakoreshwa by'agateganyo, buri kwezi, kimwe cya cumi na kabiri (1/12) cy'Ingengo y'Imari y'umwaka, ashingiye ku y'umwaka urangiye.

Iyo Inama Njyanama y'urwego rw'ibanze itatoye Ingengo y'Imari y'umwaka mbere y'itariki ya 30 Kamena cyangwa iyo yakererewe gushyirwaho umukono, hakurikizwa nk'ibivugwa mu ngingo ya 80 y'Itegeko Nshinga, Umuyobozi wa Komite Nyobozi, akurikije amabwiriza y'Inama Njyanama, yemera ko hakoreshwa by'agateganyo, buri kwezi, kimwe cya cumi na kabiri (1/12) cy'Ingengo y'Imari y'umwaka, ashingiye ku y'umwaka urangiye.

Ibyo bikorwa gusa ku Ngengo y'Imari isanzwe no ku mafaranga akoreshwa mu mishinga y'amajyambere yari yaratangiye.

Amafaranga yinjira na yo akomeza kwinjizwa hakurikijwe amategeko yari asanzweho.

Uburenganzira butanzwe hakurikijwe igika cya mbere n'icya kabiri by'iyi ngingo bukoreshwa gusa ku mirimo yari isanzwe yarateganyirijwe amafaranga mu Ngengo y'Imari y'umwaka urangiye. Amafaranga akoreshejwe muri ubwo buryo abarirwa mu mwaka w'Ingengo y'Imari mushya iyo imaze gutorwa".

**<u>Ingingo ya 4</u>: Ububasha bwo kuguza**

Ingingo ya 54 y'Itegeko Ngenga n° 37/2006 ryo ku wa 12/09/2006 ryerekeye imari n'umutungo bya leta ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

modified and complemented as follows:

"If the Chamber of Deputies does not adopt the annual budget before 30 June, or its promulgation delays, provisions of Article 80 of the Constitution shall apply. The Prime Minister, shall authorize by an Order a monthly expenditure on provisional basis of an amount equal to one-twelfth (1/12) of the budget of the budget of the preceding year.

If the Council of a local administrative entity does not approve the annual budget before 30 June, or its signature delays, the same provisions as of Article 80 of the Constitution shall apply. The Chairperson of the Executive Committee, in accordance with instructions of the Council, shall authorize a monthly expenditure on provisional basis of an amount equal to one-twelfth (1/12) of the budget of the budget of the preceding year.

This shall apply only to ordinary budget and on money used for ongoing development projects.

Revenue shall also continue to be collected in accordance with the existing law.

Authorization issued according to paragraph One and 2 of this Article shall apply only to existing activities for which funds were allocated in the preceding annual budget. Funds used in such a manner shall be allocated to the new fiscal year once approved".

**<u>Article 4</u>: Authority of borrowing**

Article 54 of the Organic Law n° 37/2006 of 12/09/2006 on State finance and property is modified and complemented as follows :

patrimoine de l'Etat est modifié et complété comme suit :

« Si la Chambre des Députés n'a pas pu adopter le budget annuel avant le 30 juin ou si le budget n'a pas été promulgué à temps, les dispositions de l'article 80 de la Constitution sont appliquées et le Premier Ministre autorise par arrêté, l'ouverture des douzièmes (1/2) provisoires sur la base du Budget de l'exercice écoulé.

Si le Conseil d'une entité administrative décentralisée n'a pas pu adopter le budget annuel avant le 30 Juin ou si le budget n'a pas été arrêté à temps, les mêmes dispositions que celles de l'article 80 de la Constitution sont appliquées et le Président du Comité Exécutif autorise, en conformité avec les instructions du Conseil, l'ouverture des douzièmes (1/12) provisoires sur base du budget de l'exercice écoulé.

Ces autorisations ne s'appliquent qu'au budget ordinaire et aux dépenses liées aux projets de développement en cours.

Les recettes continuent d'être perçues sur la base de la loi en vigueur.

